**REPUBLIC OF RWANDA**

**MINISTRY OF JUSTICE**
**P.O. BOX 160 KIGALI**

**Ijambo rya Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta mu gikorwa cyo gushyingura mu cyubahiro abatutsi bazize Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994, mu karere ka Rubavu, tariki ya 13/05/2021**

Bayobozi batandukanye muteraniye hano;

Abahagarariye imiryango y'ababuze ababo uyu munsi dushyingura ndetse n'abandi mwaje kwifatanya natwe muri uyu muhango ;

Mbere na mbere ndabanza kwihanganisha no gukomeza abashyingura ababo uyu munsi, biciwe urw'agashinyaguro hano mu karere ka Rubavu, bikaba bigaragazwa n'imibiri itari mike yabonetse ku kibuga cy'indege cya Rubavu, kandi nta muntu n'umwe wigeze agaragaza ayo makuru. Ni ikintu cy'akababaro kuri twese, kuko duhora twizera ko gushyingura twabirangije, ariko kenshi tukongera kubona imibiri y'abacu, kenshi biturutse

ku bikorwa remezo biba biriho bikorwa, imibiri ikabonwa n'imashini kandi abantu baricecekeye.

Ndashimira kandi inzego zose z'ubuyobozi zakoranye bya hafi kugira ngo iyi mibiri ivanwe mu butaka, itunganywe, kandi ibashe gushyingurwa mu rwibutso rukwiye ikiremwa muntu; hakaba harimo imibiri igera kuri 448 yimuwe yari isanzwe ishyinguye mu rwibutso rw'abazize jenoside yakorewe abatutsi rwa Rugerero, igomba gushyingurwa hano ku rwibutso rw'abazize jenoside yakorewe abatutsi rwa Komini Rouge ndetse hagashyingurwa imibiri igera kw'142 yabonetse ku kibuga cy'indege cya Gisenyi.

Ndashimira abambanjirije gufata ijambo, bagatanga ubutumwa bwubaka, harimo ikiganiro cyagaragaje amateka maremare y'intandaro ya Jenoside yakorewe abatutsi. Aya mateka tujye tuyumva tuyazirikane adufashe kumva aho twavuye n'inshingano dufite yo gusigasira ibyiza u Rwanda rumaze kubaka.

Jenoside yakorewe abatutsi itandukanye n'ibindi byaha by'ubugome nk'ibyaha byo mu ntambara n'ibindi byaha byibasira inyokomuntu, kuko ibyo byaha biba bikomoka kuri iyo ntambara, mu gihe abicwa muri jenoside bo baba bazizwa uko bari.

Mu gihugu cyacu, nk'uko ibimenyetso simusiga bibigaragaza, ubwo bwicanyi bukaba bwari bugamije kurimbura abatutsi kuko ari abatutsi. Ni nayo mpamvu umuryango w'abibumbye wemeje ko ari jenoside yakorewe abatutsi.

Iyi nyito rero muri iki gihe hari abashaka kugoreka amateka twumva batayemera uko bigomba, bamwe bavuga ko habaye

jenoside ebyiri; babeshya ko haba harabaye Jenoside yakorewe abatutsi na Jenoside yakorewe abahutu.

Twibukiranye neza ko muri iki gice cyahoze ari Perefegitura ya Gisenyi, habaye intambara y'abacengezi, hakaba haraguyemo abantu. Ariko usanga abashaka kugoreka amateka, izo mpfu bashaka kuzigereka ku ngabo z' u Rwanda, nyamara ubukana bw'intambara y'abacengezi n'intego yabo yo gusoza umugambi wa jenoside hano ntawe utabizi; ahubwo ingabo z'u Rwanda zikaba zarahanganye nabo kugeza batsinzwe, abandi bakava ku izima bakayoboka Leta y'ubumwe, bityo ingabo zacu zikagarura umutekano mu gihugu. Turishimira twese ko umutekano usesuye wabonetse, tukaba tuwumazemo imyaka myinshi ku bufatanye bw'abaturage n'ubuyobozi.

Hari abahakana n'abapfobya jenoside yakorewe abatutsi bavuga ko Igihugu cyacu cg ingabo zacu bagiye kwica abantu mu cyahoze ari Zaïre (kuri ubu ni Repubulika iharanira Demokarasi ya Kongo). Ibi ni ibinyoma bigamije gushaka guhunga uburemere bwa jenoside yakorewe abatutsi kuri bo, bashaka ko byagaragara ko ataribo bakoze jenoside bonyine. None se wakwica abantu, warangiza ukohereza indege zo kujya kubacyura? Ibyo byarakozwe nta we utabizi, aho Igihugu cyacu cyakoze ibishoboka byose kugira ngo impunzi zari zarahungiye mu cyahoze ari Zaïre zitahuke mu mahoro kandi zituzwe mu byabo mu mudendezo.

Muri aka karere ka Rubavu, havukagamo abayobozi mu nzego z'igihugu, abasirikare ndetse n'abavuga rikijyana benshi bakaba baragize uruhare rukomeye muri jenoside yakorewe abatutsi. Benshi muri bo bagejejwe mu butabera kandi n'abo biratageraho tuzakora ibishoboka, bagezwe imbere y'inkiko. Bamwe muri bo bahamijwe icyaha cya jenoside n'Urukiko mpanabyaha mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda barimo NGIRABATWARE Augustin, BIKINDI Simon, BARAYAGWIZA Jean Bosco, NGEZE Hassan, SERUSHAGO Omar na Liyetona Koloneli NSENGIYUMVA Anatole.

N'abari barahungiye mu mahanga ubutabera bubageraho, bakaburanishirizwa aho bari cyangwa bakoherezwa mu Rwanda. Niko byagenze kuri MUNYAGISHARI Bernard wari umukuru w'interahamwe hano mu Mujyi wa Gisenyi woherejwe mu Rwanda na ICTR akaba aherutse guhamwa n'ibyaha bya jenoside n'urukiko rw'ubujurire, agahanishwa igifungo cya burundu.

Twavuga na TWAGIRAYEZU Wenceslas woherejwe mu Rwanda na Denmark akaba muri jenoside yari umwarimu ku ishuri ribanza rya Majyambere muri segiteri ya Busasamana ahahoze ari muri Prefegitura ya Gisenyi, ubu ni muri aka Karere ka Rubavu. Ibirego byatumye yoherezwa mu Rwanda birimo kuba yaragize uruhare mu iyicwa ry'abantu basaga igihumbi akoresheje imbunda ndetse akaba yari Perezida wa CDR muri segiteri ya Gacurabwenge. Tuzakomeza gushyira imbaraga mu butabera kugira ngo abagize uruhare muri jenoside bose bahanwe.

Abanyarwanda tugomba na none gukomeza gutekereza ku mvano ya jenoside yakorewe abatutsi n'ingaruka zayo no gukomeza urugamba rwo kurwanya abayihakana n'abayipfobya, abagoreka amateka n'abatavugisha ukuri kuri yo.

Tugomba kwirinda imitekerereze imwe n'imwe irangwa n'icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenoside n'ibyaha bifitanye isano nayo haba muri aka gace ka Rubavu cyangwa ahandi hose mu gihugu, ahubwo tukabirwanya twivuye inyuma.

Turashimira Akarere ka Rubavu kuba karitabiriye igikorwa cyo kwandika amateka ya jenoside yakorewe abatutsi, tukaba tugashishikariza kuyigisha urubyiruko, kugira ngo rurusheho gusobanukirwa n'ibyabaye bityo rufate ingamba zo guhangana n'abashaka gutesha agaciro ibyo u Rwanda rumaze kugeraho rwubaka ubumwe, umutekano, ubutabera ndetse n'iterambere.

Mu gihe tuzirikana twibuka jenoside yakorewe abatutsi, dukwiye kwibuka tunaharanira kunga ubumwe. Buri munyarwanda, nyuma yo kubona ko jenoside yakozwe ishingiye ku ivangura rishingiye ku moko, aziko iryo vangura ryatekerejweho rigashyirwa mu bikorwa, ritatugwiririye, agomba gufata iya mbere mu guharanira ubumwe bw'abanyarwanda; bityo bikaba ari ishingano za buri munyarwanda wese kuko ari wo musingi w'amahoro n'iterambere birambye. Twese hamwe tugomba guharanira gushyira hamwe twiyumvamo ubunyarwanda, tukirinda ibindi byose bishobora kutuzanamo amacakubiri.

Mu rwego rwo gusubiza icyubahiro abazize jenoside, nagira ngo nongere mburire abantu bose bagifite imyitwarire yo kwanga

gutanga amakuru ku hakiri imibiri y'abazize jenoside yakorewe abatutsi itarashyingurwa mu cyubahiro. Abinangiye banga gutanga amakuru kandi bayafite, bagomba kumenya ko amategeko ateganya ko bazakurikiranwa, bakabihanirwa. Ababikurikiranira hafi bazi ko hari ababikurikiranyweho magingo aya.

Nagira ngo nshimire abanyarwanda bose, by'umwihariko abacitse ku icumu, uburyo bakomeje kwihangana muri iki gihe cy'iminsi ijana twibuka jenoside yakorewe abatutsi ku nshuro ya 27cyane cyane, muri ibi bihe turimo byo kurwanya icyorezo cya Covid-19, bituma tudaterana uko bisanzwe. Uko biri kose kwibuka twiyubaka byacu bitubere kwibuka abo twabuze, icyo bazize, kudatsimburwa ku bumwe ukundi, kwiteza imbere no gukunda igihugu.

Ndangije kandi nongera kubihanganisha mwebwe mwese mufite abantu tugiye gushyingura kuri uyu munsi. Mukomere.